



# **Gutabarwa Kuva Mu Ijuru**

**Imirongo yateranijwe na  
Watson Goodman**

**Aka gatabo  
gatangwa ku buntu**

## **GUTABARWA KUVA MU IJURU**

**“GUTABARWA KUVA MU IJURU” ni agatabo gakubiwe-mo imirongo yo mu Byanditswe Byera, ikuwe mu bice bitari bimwe byo muri Bibliya, ihuriye ku ngingo nkuru zitoranijwe.**

**Ijambo ry’Imana ryaje rivuye mu ijuru, kandi koko rifasha imitima ifite inzara n’inyota byo gutunganira Imana. Igihe umuntu yihana, areka ibyaha bye, agasaba Nyagasani Yezu Kristo gutura mu mutima we, akizeresha umutima we wose ko Yezu are Umukiza, Nyagasani Yezu azamwiyereka, akuzusa umutima we umunezero n’amahoro.**

**Ubwanjye ibyo byambayeho mu mwaka wa 1937, ndabihamya. Kuva icyo gihe, numva mfataniye cyane na Nyagasani Yezu.**

**Nawe mugenzi, ndakwinginze ngo wihe Yezu nonaha, niba utarabikora, kugira ngo akubere Nyagasani n’Umukiza.**

**—Watson Goodman (1920-2002)**

Imana yakunze cyane abantu bo ku isi yose, ku buryo yatanze Umwana wayo w'ikinege, kugira ngo umwizera wese adapfa burundu, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho. —Yohani 3:16

Nyamara Imana yuzuye imbabazi, kubera urukundo rwinshi yadukunze, yadusanze dupfuye tuzize ibicumuro byacu, maze iduha ubugingo hamwe na Kristo—erega mwakijijwe n'ubuntu bwayo! —Abanyefezi 2:4, 5

Uwiteka yambonekeye kera, ati Ni ukuri nagukunze urukundo ruhoraho; ni cyo cyatumye ngukuruza ineza, nkakwiyegereza. —Yeremiya 31:3

Mbere y'umunsi mukuru wa Pasika y'Abayahudi, Yezu amenya ko igihe cye kigeze cyo kuva kuri iyi si, agasubira kwa Se. Nk'uko yari asanzwe akunda abe bari ku isi, ni ko yakomeje kubakunda kugeza ku iherezo.

—Yohani 13:1

Ibikore kandi, ifatanyije na Yezu Kristo, watanzwe ho umugabo w'indahemuka, akaba yarabimburiye abandi kuzuka mu bapfuye, akagirwa umutware w'abami bategeka iyi si. Kristo aradukunda, ni na we watubohoye, amena amaraso ye ngo atuvane mu byaha byacu. —Ibyahishuwe 1:5

Mbere na mbere, uwitwa Jambo yari ariho. Jambo uwo yari kumwe n'Imana, kandi yari Imana... Jambo yabaye umuntu, aba hagati muri twe, yuzuye ubuntu n'ukuri. Nuko tubona ikuzo rye, ari ryo kuzo rikwiriye umwana w'ikinege, akomora kuri Se. —Yohani 1:1, 14

Yezu aramubwira ati “Filipo we, nabanye namwe igihe kingana gitya, none ukaba utanzi! Umbo-nye aba abonye na Data. None wavuga ute ngo nimbereke Data? Mbese ntiwemera ko ndi muri Data, kandi na Data akaba ari muri jye?” —Yohani 14:9, 10a

Byose byabereye kugira ngo bibe nk'uko Nyagasani yari yaratumye umuhanuzi kubivuga, ati “Dore umukobwa w'umwari azasama inda, abyare umwana w'umuhungu, bamwite Emanuweli, bisobanura ngo ‘Imana iri kumwe natwe.’” —Matayo 1:22, 23

Nta wabihakana: ibanga ryo kubaha Imana rirakomeye! Uwo rivuga: yagaragajwe ari umuntu; atangazwa ko ari intungane na Mwuka w'Imana; arangamirwa n'abamarayika; yamamazwa mu mahanga; yemerwa n'abo ku isi; ajyanwa mu ijuru, ahabwa ikuzo. —1 Timoteyo 3:16

Marayika aramusubiza ati “Mwuka Muziranenge azakuzaho, n’ububasha bw’Imana bukubumbatire. Ni cyo gituma umwana uzabyara azaba umuziranenge, yitwe Umwana w’Imana.

—Luka 1:35

Nuko umwana yatuvukiye, duhawe umwana w’umuhungu, ubutware buzaba ku bitugu bye: azitwa Igitangaza, Umujyanama, Imana ikomeye, Data wa twese Uhoraho, Umwami w’amahoro.

—Ezayi 9:6

Jye sinari nzi uwo ari we, ariko Imana yantumye kubatirisha amazi yari yarambwiye iti “Uwo

uzabona Mwuka amumanukiye-ho, maze akamugumaho, ni we ubatirisha Mwuka Muziranenge.” Narabyiboneye, none ndahamya ko uwo ari we Mwana w’Imana.

—Yohani 1:33, 34

Akivuga atyo, igicu kirabudika kibarengaho, bumva ijwi ry’ūvugira muri icyo gicu, ati “Uyu ni Umwana wanjye nkunda cyane; ni we byishimo byanjye. Nimumutege amatwi!” —Matayo 17:5

Umuntu wese wemeza ku mugaragaro ko Yezu ari we Mwana w’Imana, Imana iguma muri we, na we akaguma muri yo.

—1 Yohani 4:15

Yezu aramubwira ati “Ni jye kuzuka n’ubugingo. Unyizera wese, n’aho yaba yarapfuye, azabaho.  
—Yohani 11:25

Munyita Umwigisha na Shobuja, kandi ntimwibeshya kuko ari ko biri.  
—Yohani 13:13

Nuko Yezu arababwira ati “Mwe mukomoka ku isi, naho jye nkomoka mu ijuru. Muri ab’iyi si, jyewe sindi uw’iyi si.”  
—Yohani 8:23

Yezu arabasubiza ati “Ndababwira nkomeje: kuva mbere y’uko Aburahamu abaho, jye ndiho.”  
—Yohani 8:58

Yezu arababwira ati “Ni jye mugati w’ubugingo; unsanga nta bwo asonza, kandi unyemera ntazagira inyota ukundi.  
—Yohani 6:35

Igihe nkiri ku isi, ndi urumuri rw’isi.  
—Yohani 9:5

Umugore aramubwira ati “Nzi ko Mesiya, uwo bita Kristo, agiye kuza. Naza, azatubwira byose.”  
Yezu aramubwira ati “Ni jyewe, uwo muvugana.” —Yohani 4:25, 26

Yezu yungamo ati “Ndababwira nkomeje: ni jye rembo ry’intama.”  
—Yohani 10:7

Nuko ategeka rubanda kwicara mu byatsi, afata iyo migati itanu n'amafi abiri, areba ku ijuru, ashimira Imana. Maze amanyura imigati, ayiha abigishwa be, na bo bayikwiza abo bantu. Nuko bose bararya, barahaga, bateranya ibisagutse, byuzura inkangara cumi n'ebyiri. Abariye bari nk'ibihumbi bitanu, utabariyemo abagore n'abana. —Matayo 14:19-21

Ngo amare kuvuga, abwira Simoni, ati "Igiza ubwato ahari amazi menshi, maze wowe na bagenzi bawe, muterere imitego y'amafi mu mazi, murobe." Simoni aramusubiza ati "Mutwa-

re, iri joro ryose twarikesheje turoba, nyamara ntitwagira icyo dufata. Ariko ubwo ari wowe ubivuze, reka nterere imitego." Babigenje batyo, bafata amafi menshi cyane, ndetse imitego yabo, imigozi yayo itangira gucika. —Luka 5:4-6

Nuko impumyi ebyiri zikaba zicaye iruhande rw'inzira. Zumvise ko ari Yezu uhise, zirangurura amajwi, ziti "Nyagasani, Mwene Dawidi, tugirire impuhwe!" . . . . Yezu azigirira impuhwe, azikora ku maso, uwo mwanya zira-humuka; ziherako ziramukurikira. —Matayo 20:30, 34

## 6 YEZU KRISTO NI WE MUREMYI N'UMWAMI

Imana ni indahemuka; ni na yo yabahamagaye ngo mugirane ubumwe n'Umwana wayo, Yezu Kristo Umwami wacu.

—1 Abanyakorinti 1:9

None rero urubyaro rwose rw'Israheli rukwiriye kumenya rudashidikanya ko Yezu uwo mwabambye, Imana yamugize Nyagasani, imugira na Kristo.

—Ibyakozwe n'Intumwa 2:36

Ariko ubu, tugeze mu gihe cy'imperuka, (Imana) yatumenyeshije ibyayo, idutumyeho Umwana wayo. Uwo ni we yateganyije guha byose ho umunani, kandi ni

na we yakoresheje kurema byose.  
—Abaheburayi 1:2

Ibintu byose byabayeho kubera we; nta na kimwe cyabayeho we atakirimo.  
—Yohani 1:3

Ni cyo cyatumye Kristo apfa, akazuka, ngo abe umwami w'abariho n'abapfuye.  
—Abanyaroma 14:9

Ni we Imana yakoresheje irema ibintu byose, ari ibyo mu ijuru n'ibyo ku isi, ari ibyo amaso areba n'ibyo atareba; ari ibinyabwami, ibinyabutegetsu, ibinyabutware, cyangwa ibinyabushobozi. Byose ni we bikesha kuremwa, kandi ni we byaremewe. —Abanyakolosi 1:16



## YEZU KRISTO NI UMUCAMANZA W'ABANTU BOSE 7

Abatuye amahanga yose yo ku isi bazakoranyirizwa imbere ye, maze abavangure, nk'uko umushumba avangura intama, akazitandukanya n'ihene.

—Matayo 25:32

Data nta we acira urubanza, ahubwo yeguriye Umwana we ububasha bwo guca imanza zose.

—Yohani 5:22

Wowe rero, kuki unegura umuvandimwe wawe? Kandi kuki usuzugura umuvandimwe wawe? Ere ga twese tuzitaba urukiko rw'Imana, iducire urubanza!

—Abanyaroma 14:10

Nuko adutegeka kwamamaza ibye muri rubanda no kwemeza ko

ari we washyizweho n'Imana kuba umucamanza w'abazima n'abapfuye.

—Ibyakozwe n'Intumwa 10:42

Ni ko bizamera ku muni Imana izaca urubanza rw'ibihishwe mu mitima y'abantu, ikoresheje Kristo Yezu—ni na ko Ubutumwa bwiza nahawe bubyemeza.

—Abanyaroma 2:16

Ndakwihanangiriza, ntanze Imana ho umugabo, hamwe na Kristo Yezu uzacira imanza abazima n'abapfuye: ibuka ko azagira atya ahinguke, aje kwima ingoma ye.

—2 Timoteyo 4:1

## GUCUNGURWA KWACU GUTURUKA KURI KRISTO WENYINE

Ni jye rembo: uwinjira, ari jye anyuzeho, azarokoka. Azajya yinjira, asohoke, kandi abone urwuri.  
—Yohani 10:9

Yezu aramusubiza ati “Ni jye nzira n’ukuri n’ubugingo. Nta wujya kwa Data atanyuze kuri jye.”  
—Yohani 14:6

Ariko none Imana yabahereye ubuntu kuba intungane imbere yayo, babikesha gucungurwa na Kristo Yezu. —Abanyaroma 3:24

Ni cyo gituma abasha gukiza byimazeyo abegera Imana banyuze kuri we, kuko abereyeho iteka

kubavugira kuri yo.

—Abaheburayi 7:25

Ni cyo gitumye mbabwira ko muzarinda mupfa mukiri mu byaha. Koko rero nimutemera uwo ndi we, muzarinda mupfa mukiri mu byaha. —Yohani 8:24

Nta wundi agakiza kabonekaho; kuko ku isi yose nta wundi Imana yahaye abantu ufite ubushobozi bwo kudukiza.

—Ibyakozwe n’Intumwa 4:12

Nuko, amaze kuba indakemwa, yabereye abamwumvira bose isoko y’agakiza gahoraho.

—Abaheburayi 5:9

# GUCUNGURWA KWACU GUTURUKA KURI KRISTO WENYINE

9

Mushimira Imana Data yabasheshe uruhare ku munani yageneye intore zayo zigengwa n'umucyo. Ni yo yatubohoye, ituvana mu butware bw'umwijima, itujyana mu bwami bw'Umwana wayo ikunda. Ni we dukeshya gucungurwa, ari ko kubabarirwa ibyaha.

—Abanyakolosi 1:12-14

Umwana w'umuntu yazanywe no gushaka no gukiza abazimiye.

—Luka 19:10

Baririmbaga indirimbo nshya, bati “Ni wowe ukwiriye kwakira uwo muzingo, ukavanaho ibime-nyetso biwufunze, kuko wishwe, kandi amaraso yawe ari yo wacu-

nguje abantu, ukabagarurira Imana, ubavanye mu miryango yose no mu b'indimi zose, mu moko yose no mu mahanga yose.”

—Ibyahishuwe 5:9

Ni we witanze, aradupfira, kugira ngo aducungure, atuvane mu bugome bwose, kandi ngo atweze, atugire abantu be bwite bafite ishyaka ryo gukora ibyiza.

—Tito 2:14

Imana ubwayo ni yo yabahaye kuba muri Kristo Yezu; ni we utubera ubwenge buva ku Mana n'ubutungane n'ubuziranenge n'ugucungurwa.

—1 Abanyakorinti 1:30

Ariko niba tugendera mu mucyo, nk'uko na yo iba mu mucyo, tuba dufitanye ubumwe, kandi amaraso ya Yezu, Umwana wayo, akatweza akatumaraho icyaha cyose. —1 Yohani 1:7

Ubwo bimeze bityo, mbega ukuntu amaraso ya Kristo azarushaho kuduhumanura! Kubera Mwuka uhoraho, yihaye Imana ho igitambo kidafite inenge. Amaraso ye ni yo azaduhumanura, adukize ibikorwa bituzanira urupfu turegwa n'imitima yacu, kugira ngo dukorere Imana nzima.

—Abaheburayi 9:14

Muzi ko atari ibintu bita agaciro nka feza cyangwa zahabu

byabacunguje ngo muve mu myifatire y'imburamumaro mwatojwe na ba sogokuruza. Ahubwo icyabacunguye ni amaraso y'igicro gikomeye ya Kristo, nk'ay'umwana w'intama utagira inenge cyangwa ubusembwa.

—1 Petero 1:18, 19

Noneho, ubwo twagizwe intungane imbere y'Imana n'amaraso ye, tuzarushaho gukizwa uburakari bwayo tubikesha Kristo.

—Abanyaroma 5:9

Muri we twacungujwe amaraso yamennye ku bwacu, bityo Imana itubabarira ibicumuro, ikurikije ubuntu bwayo butagira akagero.

—Abanyefezi 1:7

Uwabaye umwana w'Imana wese atsinda isi; kandi ngiyi insinzi y'isi; ni ukwizera Yezu kwacu. —1 Yohani 5:4

Baramubaza bati “Twagenza dute kugira ngo dukore imirimo Imana idushakaho?” Yezu arababwira ati “Umurimo Imana ibashakaho ni uko mwemera Uwo yatumye.” —Yohani 6:28, 29

Koko mwakijijwe n'ubuntu kuwo mwizeye Kristo; ntibyakomotse muri mwe, ahubwo ni impano y'Imana. Kandi ntibyakomotse ku bikorwa byanyu, kugira ngo hatagira umuntu ubyiratana. —Abanyefezi 2:8, 9

Nuko rero, ubwo kwemera Kristo kwatugize intungane imbere y'Imana, tubana amahoro na yo, tubikesha Yezu Kristo, Umwami wacu. —Abanyaroma 5:1

Ariko ibi byandikiwe kugira ngo mwemere yuko Yezu ari Kristo, Umwana w'Imana, kandi ngo nimumwizera muherwe ubugingo muri we. —Yohani 20:31

Iyo umuntu ari muri Kristo Yezu, ari ugukebwa ari ukudakewwa, byose nta cyo bimaze. Igifite akamaro ni ukwizera kugaragazwa n'ibikorwa by'urukundo. —Abanyagalati 5:6

Nk'uko ijuru ryitaruye isi, ni ko imbabazi agirira abamwubaha zingana. —Zaburi 103:11

Ariko, imbabazi Uwiteka agirira abamwubaha zahereye kera kose, zizageza iteka ryose, gukiranuka kwe kugera ku buzukuru babo. —Zaburi 103:17

Iradukiza, itabitewe n'uko twakoze ibiyitunganiye, ahubwo ibitewe n'impuhwe zayo. Yadukirishije kutwuhagira, iduha kuvuka ubwa kabiri, no guhindurwa bashya na Mwuka Muziranenge. —Tito 3:5

Imbabazi z'Uwiteka ni zo zituma tudashiraho, kuko ibambye rye ritabura. Zihora zunguka uko

bukeye; umurava wawe ni munini. —Amaganya 3:22, 23

Kuko imbabazi zawe ari ndende, zisumba ijuru; umurava wawe ugera mu bicu. —Zaburi 108:4

Ni iyihe Mana ihwanye nawe, ibabarira gukiranirwa, ikirengagiza igicumuro cy'abasigaye b'umwandu wayo? Ntiharana uburakari bwayo iteka, kuko yishimira kugira imbabazi. —Mika 7:18

Nihasingizwe Imana, se w'Umwami wacu Yezu Kristo! Yo yatugiriye imbabazi, iduha kuvuka ubwa kabiri, tukaba dufite ibyo twiringira bihamye, tubikesha izuka rya Yezu Kristo mu bapfuye. —1 Petero 1:3

Mwuka n'Umugeni baravuga bati "Ngwino!" Uwumva ibyo na we navuge ati "Ngwino!" Ufite inyota na we naze, n'ūshaka wese aze, ajyane amazi y'ubugingo ku buntu! —Ibyahishuwe 22:17

Yemwe abafite inyota, nimuze ku mazi, kandi n'ūdafite ifeza na we naze; nimuze mugure murye; nimuze mugure vino n'amata, mudatanze ifeza cyangwa ibindi biguzi. —Ezayi 55:1

Nimuze tujye inama, ni ko Uwiteka avuga; naho ibyaha byanyu bitukura nk'umuhemba, birahinduka umweru bise na shelegi; naho bitukura tukutuku,

birahinduka nk'ubwoya bw'intama bwera. —Ezayi 1:18

Mwese abarushye n'abaremerewe, nimunsange, mbaruhure! —Matayo 11:28

Ku munsu uheruka iminsi mikuru, ari na wo uruta iyindi, Yezu ahagaze mu Ngoro y'Imana, avuga aranguruye, ati "Umuntu wese ufite inyota nansange, maze anywe." —Yohani 7:37

Koko turi intumwa za Kristo, ndetse Imana ubwayo ni yo ibahamagara ari twe ikoresheje. Turabingira mu izina rya Kristo: nimwiye n'Imana! —2 Abanyakorinti 5:20

## 14 SI ABANTU BOSE ARI ABANA B'IMANA

Dore ibiranga abana b'Imana n'abana ba Satani: umuntu wese udakora ibitunganye si uw'Imana, kimwe n'udakunda umuvandimwe we. —1 Yohani 3:10

Kugira ngo mube abana b'Imana batagira umugayo cyangwa amakemwa, nk'uko bikwiriye abana b'Imana baboneye, batuye mu bantu b'iki gihe b'abahemu n'abagizi ba nabi, mubabere imuri zimurikira isi. —Abanyafilipi 2:15

Abayoborwa na Mwuka w'Imana ni bo bana b'Imana. Mwuka mwahawe si uwo kubashyira mu buja, ngo musubire mu bwoba. Ahubwo Mwuka mwahawe ni uwo

kubagira abana b'Imana, agatuma tutakambira Imana, tuti “Aba!” ni ukuvuga ngo “Data!” —Abanyaroma 8:14, 15

Nyamara abamwakiriye bose, bakemera uwo ari we, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana. —Yohani 1:12

Ni cyo gituma Nyagasani avuga ati “Nimuve muri ba bantu, mwitandukanye na bo. Kandi ntimugakore ku kintu cyose gihumanya, nanjye nzabakira. Nzababera so, namwe mumbere abahungu n'abakobwa. Uko ni ko Nyagasani ushobora byose avuga.” —2 Abanyakorinti 6:17, 18



## IBYO IMANA IVUGA KU BYEREKEYE IBISINDISHA 15

Dore ibibi kamere y'umuntu imukoresha: gusambana, kwiyanzarika n'ubwamanzi; gusenga ibigirwamana no kuroga; kwangana, amakimbirane, gufuha, kurakara no gutera amahane; kwitandukanya n'abandi no kwicamo ibice; ishyari, ubusinzi, umurenge, n'ibindi bisa bityo. Nk'uko nigeze kubibabwira, na none ndabamenyesha hakiri kare ko abakora bene ibyo, nta munani bazahabwa mu bwami bw'Imana.

—Abanyagalati 5:19-21

Twifate uko bikwiriye abagenda ku manywa, tutarangwaho kurara inkera no gusinda, ubu-

sambanyi n'ubwamanzi, intonganya n'ishyari. Ahubwo Nyagasani Yezu Kristo ubwe ababere nk'umwambaro, kandi ntimureke kamere yanyu ibakoresha ibyo irarikirira.

—Abanyaroma 13:13, 14

Ntukarebe vino uko itukura, igihe ibirira mu gikombe, ikamanuka neza. Amaherezo iryana nk'inzoka, igatema nk'impiri.

—Imigani 23:31, 32

Bazabona ishyano abazindurwa no kuvumba ibisindisha, bakaba ari cyo birirwa bakabirara inkera, kugeza aho bibahindura nk'abasazi.

—Ezayi 5:11

Yezu aramusubiza ati “Ukunde Nyagasani Imana yawe n’umuti-ma wawe wose n’ubuzima bwawe bwose n’ubwenge bwawe bwose. Iryo ni ryo tegeko ry’ingenzi riruta ayandi yose. —Matayo 22:37, 38

Yezu agihaguruka aho, umuntu aza yiruka, amupfukama imbere, aramubaza ati “Mwigisha mwiza, rwose nkore iki kugira ngo ngabane ubugingo buhora?” Yezu aramubaza ati “Unyitiye iki mwiza?” Nta mwiza n’umwe ubaho, keretse Imana yonyine. Uzi Amategeko, ngo ntuzice; ntuzasambane; ntuzibe; ntuzabeshyere abandi; ntuzahuguze; wubahe

so na nyoko.” Undi ati “Mwigisha, ayo yose narayakurikije uhereye mu buto bwanjye.” Nuko Yezu aramwitegereza, maze aramukunda. Ni ko kumubwira ati “Icyakora ushigaje kimwe: genda, ugurisha ibyo utunze byose, ibivuyemo ubihe abakene, ni bwo uzaba wirundanyirije ubukungu mu ijuru; maze uze unkurikire!” Uwo muntu ngo yumve iryo jambo, arasuhurwa, agenda ashavye, kuko yari afite ibintu byinshi. —Mariko 10:17-22

Hariho inzira umuntu yibwira ko ari nziza; ariko iherezo ryayo ni inzira z’urupfu. —Imigani 16:25

Hazaduka benshi biyita izina ryanjye, bavuga bati “Ni jye Kristo.” Kandi bazayobya benshi.  
—Matayo 24:5

Nitmukishuke ngo mupfe kumva Ijambo ry’Imana gusa, ahubwo mujye mukora icyo ribabwira.  
—Yakobo 1:22

Ntihakagire umuntu ubashukisha amagambo y’imburamumaro, kuko ibimeze bityo ari byo bituma Imana irakarira abatayumvira.  
—Abanyefezi 5:6

Bana banjye, ntihakagire ubayobya. Ukora ibitunganye aba ari intungane, nk’uko Kristo ari intungane. Ukora ibyaha ni uwa Sata-

ni, kuko Satani icye ari ugukora ibyaha kuva mbere na mbere.  
—1 Yohani 3:7, 8a

Umuntu wibwira ko akomeye kandi nta cyo ari cyo, aba yibeshya.  
—Abanyagalati 6:3

Mbese ntimuzi yuko abarenganya abandi batazabona umunani mu bwami bw’Imana? Ntimukibeshye! Inkozi z’ibibi, abasenga ibigirwamana, abasambanyi b’ingaragu cyangwa abubatse, abasambana bahuje igitsina, abajura, abanyamururumba, abasinzi, abatukana, ibisambo, abo bose nta munani bazagira mu bwami bw’Imana. —1 Abanyakorinti 6:9, 10

Ukomeye mu byo gukiranuka, azahabwa ubugingo; kandi ukurikirana ibibi, aba yishakiye urupfu.

—Imigani 11:19

Ubugingo bukora icyaha ni bwo buzapfa: umwana ntazazira ibyaha bya se, kandi na se ntazazira ibyaha by'umwana we; gukiranuka k'umukiranutsi kuzaba kuri we, kandi ibyaha by'umunyabyaha bizaba kuri we. —Ezekiyeli 18:20

Nyuma iryo rari rigatwita, rikabyara icyaha; n'icyaha cyamara gukura, kikabyara urupfu.

—Yakobo 1:15

Ibyaha byazanywe ku isi n'umuntu umwe, ari we Adamu, kandi ni byo byazanye urupfu. Bityo urupfu rugera ku bantu bose, ku ko bose bakoze ibyaha.

—Abanyaroma 5:12

Guharanira ibyo kamere ishaka bibyara urupfu, naho guharanira ibyo Mwuka ashaka bibyara ubugingo n'amahoro.

—Abanyaroma 8:6

Byari ngombwa rwose ko twishima tukanezerwa, kuko murumuna wawe uriya yari yarapfuye, none yazutse; yari yarabuze, none yabonetse.

—Luka 15:32

Amaze kuvuga atyo, arangurura ijwi ahamagara, ati “Lazaro, sohoka!” Nuko uwari warapfuye arasohoka, amaguru n’amaboko bihambiriwe n’udushumi, no mu maso he hapfutswe igitambaro. Yezu arababwira ati “Nimumuhambure, mureke agende.”

—Yohani 11:43, 44

Igituma Data ankunda ni uko nemera gutanga ubuzima bwanjye, kugira ngo nzabusubirane. Nta wubunyaga; ni jye ubutanga ku bushake bwanjye. Mfite ubushobozi bwo kubutanga n’ubwo kubusubirana. Ayo ni yo mabwiriza nahawe na Data.

—Yohani 10:17, 18

Kristo yapfuye azize ibyaha byacu, nk’uko Ibyanditswe bivuga. Yarahambwe, maze ku muni wa gatatu arazuka, nk’uko Ibyanditswe bivuga.

—1 Abanyakorinti 15:3,b 4

Nuko yegera ingobyi umurambo warimo, ayikoraho, abayitwaye barahagarara. Maze Yezu aravuga ati “Musore, ndagutegetse, byuka!” Uwari wapfuye areguka, atangira kuvuga.

—Luka 7:14, 15a

Dore ndi muzima: nari narapfuye, none ndiho kugeza iteka ryose. Ni jye ufite imfunguzo, nshobora gufunga no gufungura urupfu n’ikuzimu. —Ibyahishuwe 1:18

Ntukagire izindi mana mu maso yanjye.

Ntukiremere igishushanyo kibajwe gisa n'ishusho yose iri hejuru mu ijuru, cyangwa hasi ku butaka, cyangwa mu mazi yo hepfo y'ubutaka: ntukabyikubite imbere, ntukabikorere . . .

Ntukavugire ubusa izina ry'Uwiteka Imana yawe; kuko Uwiteka atazamubara nk'utacumuye, uvugiye ubusa izina rye.

Ziririza umunsi w'isabato, kugira ngo uweze, uko Uwiteka Imana yawe yagutegetse. Mu minsi itandatu ujye ukora, abe ari yo ukoreramo imirimo yawe yose:

ariko uwa karindwi ni wo sabato y'Uwiteka Imana yawe. . . .

Wubahe so na nyoko, uko Uwiteka Imana yawe yagutegetse . . .

Ntukice.

Kandi ntugasambane.

Kandi ntukibe.

Kandi ntugashinje ibinyoma mugenzi wawe.

Kandi ntukifuze umugore wa mugenzi wawe; ntukifuze inzu ya mugenzi wawe, cyangwa umurima we, cyangwa umugaragu we, cyangwa umuja we, cyangwa inka ye, cyangwa indogobe ye, cyangwa ikindi kintu cyose cya mugenzi wawe.

—Ivugururamategeko 5:7-12

Nazamuka nkajya mu ijuru, uriyo: nasasa uburiri bwanjye ikuzimu, dore, uriyo... N'umwijima ntugira icyo uguhisha, ahubwo ijoro riva nk'amanywa; umwijima n'umucyo kuri wowe ni kimwe.  
—Zaburi 139:8, 12

Imana yabigize ityo ngo ahari nibayishakashaka bayibone. Erenga n'ubundi ntiri kure ya buri muntu muri twe!

—Ibyakozwe n'Intumwa 17:27

Amaso yayo ari ku migenzereze y'umuntu, kandi ireba amajya ye yose. Nta mwijima, cyangwa igicucu cy'urupfu, aho inkosi z'ibibi zishobora kwihisha.

—Yobu 34:21, 22

Hari uwabasha kunyihisha ahiterereye simubone? Ni ko Uwiteka abaza. Si jye ukwiriye ijuru n'isi?  
—Yeremiya 23:24

Amaso y'Uwiteka aba hose; yitegereza ababi n'abeza.

—Imigani 15:3

Nta gihishwe kitazahishurwa, nta n'ibanga ritazamenyekana ngo rishyirwe ku mugaragararo.

—Luka 8:17

Mu byaremwe byose, nta cyo Imana ihishwa. Ahubwo byose bitwikuruwe nk'ibyambitswe ubusa imbere yayo, ari yo tuzamurikira ibyo twakoze byose.

—Abaheburayi 4:13

## ABATUBAHA IMANA BAZABONA IGIHANO GIHORAHO

Na none Ijambo ry'Imana ni ryo ryemeza ko ijuru n'isi by'ubu bibikiwe gutsembwa n'umuriro, umunsi abasuzugura Imana bazacirwa iteka, bakarimbuka.

—2 Petero 3:7

Abanyabyaha bazasubizwa ikuzimu, ni bo mahanga yose yibagirwa Imana.

—Zaburi 9:17

Niba ikiganza cyawe cyangwa ikirenge cyakugusha mu cyaha, ugice, ugite kure; ikiruta ni uko wakwinjira ahari ubugingo buhora ho ucutse ikiganza cyangwa ikirenge kimwe, aho kurohwa mu muriro utazima ufite ibiganza cyangwa ibirenge byombi.

—Matayo 18:8

Umwana w'umuntu azatuma abamarayika be, batoratore abaca abandi intege n'inkozi z'ibibi, babakure mu bwami bwe, maze babarohe mu itanura ry'umuriro, aho bazarira kandi bagahekenya amenyo.

—Matayo 13:41, 42

Ubwo rero bazahita bajya mu gihano cy'iteka, naho za ntungane zijye mu bugingo buhora ho.

—Matayo 25:46

Bazahabwa igihano cyo kuri mbuka, bajyanwe kure ya Nyagasaki, batandukanywe n'ikuzo rye n'ububasha bwe.

—2 Abanyatesaloniki 1:9



Mbona n'abapfuye, abakomeye n'aboroheje, bahagaze imbere y'iyoy Ntebe. Ibitabo birabumburwa. Habumburwa n'ikindi gitabo, ni cyo gitabo cy'ubugingo. Abapfuye bacirwa imanza zishingiye ku byo bakoze, uko byanditswe muri ibyo bitabo. —Ibyahishuwe 20:12

Koko rero, twese tugomba kuzitaba urukiko, kugira ngo ducirwe urubanza na Kristo, umuntu wese yiturwe ibikwiriye ibyiza cyangwa ibibi azaba yarakoze agituye mu mubiri.

—2 Abanyakorinti 5:10

Yashyizeho umunsi wo gucira isi yose imanza zitabera, ikoreshe-

je umuntu yatoranyije. Kumuzura, akava mu bapfuye, byabereye abantu bose icyemezo cyabyo.

—Ibyakozwe n'Intumwa 17:31

Bityo, umuntu wese azamurikira Imana ibyo yakoze.

—Abanyaroma 14:12

Umuntu wese agenewe gupfarimwe gusa, nyuma yabyo agacirwa urubanza. —Abaheburayi 9:27

Bityo urukundo rwayo ruba muri twe rwuzuye, kugira ngo tutazagira icyo twishisha ku munsi wo guca imanza, kuko uko Kristo a-meze ari ko natwe turi kuri iyi si.

—1 Yohani 4:17

Nuko Intumwa za Kristo ziko-meza guhamya ibyerekeye izuka rya Nyagasani Yezu, zibivugana ububasha bukomeye; maze Imana isesekaza umugisha kuri bose.

—Ibyakozwe n'Intumwa 4:33

Koko rero, muzi ubuntu Umwami wacu Yezu Kristo yagize: nubwo yari umukungu, yigize umukene ku bwanyu, kugira ngo ubukene bwe bubagire abakungu.

—2 Abanyakorinti 8:9

Imana ishimwe kubera impano itagereranywa yatugabiye!

—2 Abanyakorinti 9:15

Icyakora igicumuro cya Adamu nta wakigereranya n'impano Ima-

na itanga. Ni ukuri igicumuro cy'umuntu umwe cyateje rubanda rwose urupfu. Nyamara, ubuntu bw'Imana mbega ukuntu buhebuje, kimwe n'impano igabira abantu bayikesha umuntu umwe, Yezu Kristo, ikarushaho gusakara muri rubanda. —Abanyaroma 5:15

... Imana irwanya abirasi, abiyoroshya ikabahera ubuntu.

—1 Petero 5:5b

Ibyo rero nta bwo biterwa n'ubushake bw'umuntu cyangwa n'umwete we, ahubwo bituruka ku Mana nyir'imbabazi.

—Abanyaroma 9:16

**Koko Imana yirengagije ibihe bya kera ubwo abantu bari mu bujiji, ariko ubu irahamagara abantu bose, iyo bava bakagera, ngo bihane.**

—Ibyakozwe n'Intumwa 17:30

**Nimwihane, kuko ubwami bw'ijuru bwegereje!** —Matayo 3:2

**Burya agahinda gahuje n'ibyho Imana ishaka gatera umuntu kwihana, kakamugeza ku gakiza; agahinda nk'ako nta mpamvu yo kucicuza. Naho agahinda gasanzwe ko muri iyi si kageza umuntu ku rupfu.** —2 Abanyakorinti 7:10

**Reka mbabwire: ni na ko mu ijuru bishimira umunyabyaha u-**

**mwe wihannye, kuruta uko bishimira abantu b'intungane mirongo cyenda n'icyenda badakeneye kwihana.** —Luka 15:7

**Nta bwo ari byo rwose, ahubwo ndababwira ko namwe, nimutihana, muzashira mwese nka bo.** —Luka 13:3

**Nimute kure ibicumuro byanyu byose, ibyo mwakoze.** —Ezekiyeli 18:31a

**Nuko rero nimwisubireho, mugarukire Imana, kugira ngo ibyaha byanyu bihanagurwe; habeho ibihe byo guhemburwa bituruka kuri Nyagasani.**

—Ibyakozwe n'Intumwa 3:19, 20a

Umunyabyaha nareke ingeso ze, ukiranirwa areke ibyo yibwira; agarukire Uwiteka, na we aramugirira ibambe; agarukire Imana yacu, kuko izamubabarira rwo-se pe.  
—Ezayi 55:7

Maze imushyira hejuru mu ruhande rw'iburyo bwayo ngo abe Umutegetsu n'Umukiza, kugira ngo ashoboze Abisraheli kwihana ngo bababarirwe ibyaha.

—Ibyakozwe n'Intumwa 5:31

Yezu abonye ukwizera kwabo abwira uwo murwayi, ati “Mwana wanje, ibyaha byawe urabibabariwe.”  
—Mariko 2:5

Dore mpagaze ku rugi ndakomanga; unyumva wese agakingura, nzinjira iwe, nsangire na we, na we kandi asangire nanjye.

—Ibyahishuwe 3:20

Nimubabarira abandi ibyo babacumuyeho, So uri mu ijuru na we azabababarira ibyo mumucumuraho.  
—Matayo 6:14

Ariko umunyabyaha nahindukira akava mu byaha bye byose yakoze, agakomeza amategeko yanjye yose, kandi agakora ibitunganye bihwanye n'amategeko, ni ukuri azabaho, nta bwo azapfa.  
—Ezekiyeli 18:21

Muhoze imitima ku byo mu ijuru, atari ku byo ku isi.

—Abanyakolosi 3:2

Nimwiyuhagire mwiboneze, mukureho ibyaha byo mu mirimo yanyu bive imbere yanjye; mureke gukora nabi.

—Ezayi 1:16

Ntimugakunde isi, cyangwa ibiri ku isi. Umunta ukunda iby'isi, nta gukunda Imana aba afite. Iby'isi ni byo ibi: ibyo umubiri w'umuntu urarikira, n'ibintu amaso ye areba akabyifuza, n'ukuntu yirata ibyo afite. Ibyo byose ntibikomoka ku Mana Data, ahubwo bikomoka ku isi.

—1 Yohani 2:15, 16

Erega ubuntu bw'Imana bwamaze kugaragara; ni bwo sōko

y'agakiza ku bantu bose. Ubwo buntu butwigisha kuzinukwa imico mibi yo kutubaha Imana no kurarikira iby'isi, ngo muri ibi bihe bya none, tumenye kwifata, tugire n'imibereho itunganye yo kubahaha Imana.

—Tito 2:11, 12

Ntimukagire uruhare mu bikorwa by'imburamumaro bikorerwa mu mwijima, ahubwo mujye mu-bishyira ahagaragara.

—Abanyefezi 5:11

Mwa basambanyi mwe! Mbese ntimuzi ko ūcudika n'ab'isi aba ari umwanzi w'Imana? Nuko rero umuntu wese uhitamo kuba incuti y'ab'isi aba yigize umwanzi w'Imana.

—Yakobo 4:4

Nzabaha n'umutima mushya, mbashyiremo umwuka mushya; nzabakuramo umutima ukomeye nk'ibuye, mbashiremo umutima woroshye. —Ezekiyeli 36:26

Yezu aramusubiza ati “Ndakubwira nkomeje: umuntu utavutse ubwa kabiri ntabasha kubona ubwami bw’Imana.” —Yohani 3:3

Erega, iyo umuntu ari muri Kristo, aba icyaremwe gishya; ibya kera biba bishize, byose bikaba bihindutse bishya.

—2 Abanyakorinti 5:17

Kuko mwabyawe ubwa kabiri, bidakomotse ku mbuto ibora, ahubwo ku mbuto itabora, ari yo

Jambo ry’Imana rizima kandi rihoraho. —1 Petero 1:23

Tuzi ko uwabaye umwana w’Imana wese adakomeza gukora ibyaha, kuko Yezu Umwana wayo amurinda, maze Sekibi ntagire icyo amukoraho. —1 Yohani 5:18

Ubwo muzi ko Kristo ari intungane, mumenye kandi ko umuntu wese ukora ibitunganye aba abaye umwana w’Imana.

—1 Yohani 2:29

Umujura azanwa gusa no kwiba no kwica no kurimbura. Jyeweho nazanywe no kugira ngo intama zibone ubugingo, ndetse busesuye. —Yohani 10:10

## GUPFA KU BYAHA NO KUZUKIRA MURI KRISTO 29

Imana yabazuranye na Kristo: none rero nimuharanire ibyo mu ijuru, aho Kristo ari, yicaye iburyo bw'Imana ku ntebe y'ibwami. Muhoze imitima ku byo mu ijuru, atari ku byo ku isi, kuko mwapfanye na Kristo, kandi ubugingo bwanyu bukaba bwarahishwe hamwe na we mu Mana.

—Abanyakolosi 3:1-3

Kera mwari mwarapfuye, muzize ibyaha byanyu no kudakebwa nk'Abayahudi, maze Imana ibazurana na Kristo. Yatubabariye ibicumuro byacu byose.

—Abanyakolosi 2:13

Kristo ubwe yatwaye ibyaha byacu mu mubiri we, abibamba-

nwa ku musaraba, kugira ngo tube dupfuye ku byerekeye ibyaha, maze tubeho dutunganiye Imana. Erega “Inguma ze ni zo zabakijije.” —1 Petero 2:24

Ese ko twapfuye ku byerekeye ibyaha, twashobora dute kuguma kubikora? . . . Namwe ni uko: mujye mwemera ko muri intumbi ku bw'ibyaha, mukaba muriho ku bw'Imana, mubikesha kuba muri Kristo Yezu. —Abanyaroma 6:2, 11

Namwe mwari mupfuye, muzize ibicumuro n'ibyaha byanyu . . . Yatuzuranye na Kristo, idushyira hamwe na we ku ntebe ya cyami, “ahantu ho mu ijuru”, turi muri Kristo Yezu. —Abanyefezi 2:1, 6

Kandi ubugingo buhoraho ngubu: ni uko bakumenya, wowe Mana y'ukuri wenyine, bakamenya n'uwo watumye, Yezu Kristo.

—Yohani 17:3

Ubiba imbuto z'ibishimisha kamere ye, azasarura urupfu. Naho ubiba imbuto z'ibishimisha Mwuka w'Imana, azasarura ubugingo buhoraho. —Abanyagalati 6:8

Kandi nk'uko mu butayu Musa yazamuye inzoka, akayishyira ku giti, ni ko n'Umwana w'umuntu agomba kuzazamurwa, kugira ngo umwizera wese ahabwe ubugingo buhoraho. —Yohani 3:14, 15

Ndababwira nkomeje: ūntega amatwi, akizera Uwantumye, aba afite ubugingo buhoraho. Ntazacirwa iteka, ahubwo aba avuye mu rupfu, ageze mu bugingo.

—Yohani 5:24

Uwemera Umwana w'Imana aba abonye ubugingo buhoraho, naho utamwumvira ntazabona ubwo bugingo, ahubwo Imana izagumya imurakarire. —Yohani 3:36

Ibihembo by'ibyaha ni urupfu, ariko impano y'Imana ni ubugingo buhoraho duherwa muri Kristo Yezu, Umwami wacu.

—Abanyaroma 6:23



Uwemera amategeko yanjye, akayakurikiza, uwo ni we unku-nda; kandi ūnkunda azakundwa na Data, nanjye nzamukunda, kandi nzamwiyereka. —Yohani 14:21

Umurimo wo gukiranuka ni amahoro; kandi ibiva ku gukiranuka ni ihumure n'ibyiringiro bida-shidikanywa iteka ryose.

—Ezayi 32:17

Mwuka ubwe ni we utwemeza mu mitima ko turi abana b'Imana. —Abanyaroma 8:16

Bana banjye, urukundo rwacu ntirugahere ku rurimi gusa, ahubwo rube mu kuri. Uko ni ko tuzamenya ko turi ab'ukuri. Ni na

ko tuzashobora guhagarara imbere y'Imana, nta cyo twishisha.

—1 Yohani 3:18, 19

Ikitumenyesha ko tuguma muri yo, kandi ko na yo iguma muri twe, ni uko yaduhaye Mwuka wayo.

—1 Yohani 4:13

Koko muri abana bayo, ndetse Imana yashyize mu mitima yacu Mwuka w'Umwana wayo, utuma tuyitakambira, tuti “Aba!” ni ukuvuga ngo “Data!”

—Abanyagalati 4:6

Icyo tumenyeraho ko tuzi Imana ni uko dukurikiza amategeko yayo.

—1 Yohani 2:3

## 32 IYO KRISTO ARI MURI TWE, ADUHA UMUNEZERO

Koko rero, ubwami bw'Imana ntibushingiye ku kurya no kunywa, ahubwo bushingiye ku migirire itunganye n'amahoro n'ibyishimo duheshwa na Mwuka Muziranenge. —Abanyaroma 14:17

Nabambanywe na Kristo ku musaraba, ku buryo atari jye ukiho, ahubwo ari Kristo uriho muri jye. Imibereho yanjye yo muri iki gihe nyikesha kwizera Umwana w'Imana wankunze, akamfira.

—Abanyagalati 2:20

Ni cyo gituma muzavomana ibyishimo mu mariba y'agakiza.

—Ezayi 12:3

Ibyo mbibabwiriye kugira ngo ibyishimo byanjye bibe muri

mwe, kandi n'ibyishimo byanyu bibe bisesuye. —Yohani 15:11

Ubu rero nje aho uri, ariko ibyo mbivuze nkiri ku isi, kugira ngo ibyishimo byanjye bibasendere mu mitima. —Yohani 17:13

Uzamenyesha inzira y'ubugingo: imbere yawe ni ho hari ibyishimo byuzuye; mu kuboko kwawe kw'iburyo hari ibinezeza itekaryose. —Zaburi 16:11

Nzongera kubabona, maze ibyishimo bibasābe mu mutima, kandi nta wuzabibavutsa. Kugeza ubu, nta cyo mwigeze musaba mu izina ryanjye: musabe, muzahabwa, kugira ngo ibyishimo byanyu bisendere. —Yohani 16:22b, 24

Ariko ni mutumvira Uwiteka mukagomera itegeko rye, ukuboko k'Uwiteka kuzabakoraho nk'uko kwakoze kuri basogokuruza.

—1 Samweli 12:15

Ntimuzi se ko iyo mwiyegeye umuntu ngo ababere Shobuja, mumwumvire, icyo gihe muba mwishyize mu buja bw'uwo muntu mwemeye kumvira? Byaba ari ibyaha mwiyegeye, bizabageza ku rupfu; kwaba ari ukumvira Imana, bizabageza ku butungane.

—Abanyaroma 6:16

Namwe abababazwa ibiture kuruhukana natwe. Ni ko bizamera igihe Nyagasani Yezu azahishurwa avuye mu ijuru, ashagawe n'

abamarayika be yahaye ububasha. Azaza mu muriro ugurumana, yihorere ku batazi Imana, ntibumvire Ubutumwa bwiza bw'Umwami wacu Yezu. Bazahabwa igihano cyo kurimbuka, bajyanwe kure ya Nyagasani, batandukanywe n'ikuzo rye n'ububasha bwe.

—2 Abanyatesaloniki 1:7-9

Dore, uyu munsi mbashyize imbere umugisha n'umuvumo: uwo mugisha muzawuhabwa ni mwitondera amategeko y'Uwiteka Imana yanyu, mbategeka uyu munsi; uwo muvumo muzawuvumwa ni mutumvira amategeko y'Uwiteka Imana yanyu.

—Ivugururamategeko 11:26-28a

Bose bamwogeze mu ruhame, bemeze ko Yezu Kristo ari we Nyagasani, ngo biheshe Imana Data ikuzo. —Abanyafilipi 2:11

Umuntu wese uzanyemera imbere y'abantu, nanjye nzamwemera imbere ya Data uri mu ijuru. Ariko uzanyihakanira imbere y'abantu, nanjye nzamwihakanira imbere ya Data uri mu ijuru. —Matayo 10:32, 33

Nubyivugira n'umunwa wawe ko Yezu ari Nyagasani, ukemera mu mutima wawe ko Imana yamuzuye mu bapfuye, uzakizwa. —Abanyaroma 10:9, 10

Umuntu wese uhakana Umwana w'Imana, aba ahakanye n'Imana Se. Naho uwemera Umwana w'Imana ku mugaragararo, aba yemeye n'Imana Se. —1 Yohani 2:23

Umuntu wese ugira isoni zo kunyemera, kimwe no kwemera inyigisho zanjye, Umwana w'umuntu na we azagira isoni zo kumwemera igihe azaba aje afite ikuzo rye n'irya se n'iry'abamarayika b'intore ze. —Luka 9:26

Umuntu wese wemeza ku mugaragararo ko Yezu ari we Mwana w'Imana, Imana iguma muri we, na we akaguma muri yo. —1 Yohani 4:15

Uwo Mugome azaza akoreshwa n'imbaraga za Satani, ngo atange ibimenyetso, akore ibitangaza n'ibindi bikorwa by'ububasha by'uburyo bwose byo kuyobya abantu. —2 Abanyatesaloniki 2:9

Ngutumye kubahumura amaso, ngo ubahindure, bave mu mwijima, bagere mu mucyo; bave no mu bushobozi bwa Satani, bagarukire Imana, kugira ngo nibanyemera, bababarirwe ibyaha, kandi bahabwe ku munani wagenewe abantu Imana yagize intore zayo. —Ibyakozwe n'Intumwa 26:18

Mwirinde gutegekwa n'inda, kandi mube maso, kuko umwanzi

wanyu Satani akora hirya no hino nk'intare itontoma, ishaka uwo iconshomera. —1 Petero 5:8

Mwitwaze intwara z'Imana, kugira ngo mubashe guhagarara kigabo, mudatsinzwe n'uburiganya bwa Satani. —Abanyefezi 6:11

Maze Yezu ajyanwa na Mwuka w'Imana mu butayu, ngo ahagererezwe na Satani... Yezu aramubwira ati "Have Satani; kuko byanditswe ngo 'Uzaramye Nyagasani Imana yawe, abe ari yo usenga yonyine.'" Maze Satani amusiga aho, haza abamarayika, baramukorera. —Matayo 4:1, 10, 11

Ubwo ni bwo wa Mugome azahishurwa; noneho, igihe Nyagasani (Yezu) azaba aje, amwicishe umwuka wo mu kanwa ke, amutsembeshe ukurabagirana kwe.

—2 Abanyatesaloniki 2:8

Nuko rero nimwemere kuge-  
ngwa n’Imana, ariko murwanye  
Satani, na we azabahunga. Ni-  
mwegere Imana, na yo izabegera.

—Yakobo 4:7, 8a

Ubwo rero abo yagize abana  
bayo bahuzwa no kugira umubiri  
n’amaraso, Yezu na we ubwe  
yabihuriyeho na bo. Kwari  
ukugira ngo, kubera urupfu rwe,

anyage Satani ubushobozi bwe,  
we wagengaga imbaraga z’uru-  
pfu.

—Abaheburayi 2:14

Ukora ibyaha ni uwa Satani,  
kuko Satani icye ari ugukora  
ibyaha kuva mbere na mbere.  
Icyazanye Umwana w’Imana ku  
isi ni ukugira ngo atsembe ibiko-  
rwa bya Satani.

—1 Yohani 3:8

Ni nde uzadutandukanya n’uru-  
kundo rwa Kristo? Ese amakuba  
yabishobora? Cyangwa se ishavu,  
gutotezwa, inzara, ubukene, aka-  
ga, urupfu? ... Ariko muri ibyo  
byose, turushaho gutsinda tubi-  
kesha uwadukunze.

—Abanyaroma 8:35, 37

# URUKUNDO NI RWO RWEREKANA ABIGISHWA BA KRISTO

37

Umuntu navuga ati “Nkunda Imana”, ariko akanga umuvandimwe we, aba ari umunyabinyoma; ese udakunda umuvandimwe we abona, yabasha ate gukunda Imana atabona? —1 Yohani 4:20

Icyo bose bazamenyeraho ko muri abigishwa banjye ni uko bazabona urukundo mufitanye.  
—Yohani 13:35

Nyamara, imbuto ziva kuri Mwuka ni izi: urukundo, ibyishimo, amahoro, kwihangana, kugira neza, imico myiza, kudahemuka, kugwa neza no kumenya kwifata.  
—Abanyagalati 5:22, 23a

Tuzi ko tumaze kuvanwa mu rupfu, tukagezwa mu bugingo, kuko dukunda abavandimwe bacu. Udakunda aba akiri mu rupfu.  
—1 Yohani 3:14

Nubwo navuga indimi z’abantu n’iz’abamarayika, ariko singire urukundo, naba meze nk’ingoma inihira cyangwa inzogera irangira.  
—1 Abanyakorinti 13:1

Yongerera kumubaza ubwa kabiri, ati “Simoni, mwene Yohani, urankunda?” Aramusubiza ati “Yego Nyagasani, uzi ko ngukunda.” Yezu ati “Ragira intama zanjye, uziteho!” —Yohani 21:16

Nuko iminsi munani ishize, na bwo abigishwa ba Yezu bari muri ya nzu, noneho na Tomasi ari kumwe na bo. Yezu araza inzugi zikinze, ahagarara hagati yabo, aravuga ati “Nimugire amahoro!” Maze abwira Tomasi, ati “Shyira urutoki aha ngaha, witegereze ibiganza byanjye, kandi unshyire n’ikiganza mu rubavu. Nuko ureke gushidikanya, ahubwo unyemere!” Tomasi aramusubiza ati “Mwami wanjye! Mana yanjye!” —Yohani 20:26-28

Yashyikirijwe abamwica, azira ibyaha byacu, maze arazuka ngo tugirwe intungane imbere y’Imana. —Abanyaroma 4:25

Ku cyumweru mu museke, ari wo munsu wa mbere, Yezu amaze kuzuka, abanza kwiyereka Mariya w’i Magadala, uwo yari yarameneshejemo ingabo ndwi za Satani. —Mariko 16:9

Kandi rero ni twe bagabo b’ibyo yakoze byose, i Yeruzalemu n’ahandi mu gihugu cy’Abayahudi. Baramwishe, bamubambye ku musaraba. Ariko Imana imuzura ku munsu wa gatatu, imuha kwiyerekana. Ntiyiyereka rubanda rwose, ahubwo yiyereka abagabo Imana yatoranyije mbere ngo bahamye ibye; abo ni twe twasangiye na we amaze kuzuka.

—Ibyakozwe n’Intumwa 10:39-41



## UKUZUKA NI BYO BYIRINGIRO BYACU BY'IGICIRO 39

Ndababwira nkomeje: hagiye kuza igihe, na ko kirageze, ubwo abapfuye bazumva ijwi ry'Umwana w'Imana, kandi abazaryumva bazabaho. . . . Ibyo ntibibatanga: erega igihe kigiye kuza ubwo abari mu mva bose bazumva ijwi rye, bakavamo. Abazaba barakoze ibyiza bazazuka, bahabwe ubugingo; naho abazaba barakoze ibibi bazazuka, bacirweho iteka.

—Yohani 5:25, 28, 29

Mbese muyobewe ko twese, ababatirijwe kuba umwe na Kristo Yezu, twabatirijwe kuba umwe na we mu rupfu rwe? Ni ukuvuga ko, igihe twabatizwaga, twahambanywe na we; kwari ugupfa

nk'uko na we yapfuye, kugira ngo, nk'uko Kristo yazutse mu bapfuye ku bw'ikuzo ry'Imana Data, abe ari ko natwe tubaho du-fite ubugingo bushya. Koko rero, ubwo twabaye umwe na we, dupfuye nk'uko yapfuye, tuzaba umwe na we na none, tuzutse nk'uko yazutse. —Abanyaroma 6:3-5

Uhereye ubwo, Yezu atangira gusobanurira abigishwa be yuko ari ngombwa ko ajya i Yeruzalemu, akababazwa uburyo bwinshi n'abakuru b'imiryango n'abakuru bo mu batambyi n'abigishamategako, bakamwica, maze ku muni wa gatatu akazuka. —Matayo 16:21

Imana izaturokora, ikatuvana mu maboko y'abanzi bacu, ngo tuyikorere, ari nta cyo twikanga, tutarangwaho inenge cyangwa umugayo iminsi yose y'ukubaho kwacu. —Luka 1:74, 75

Ncuti nkunda, ayo masezerano ni twe yahawe. Bityo rero, nimucyo twiyeze, twivaneho ikintu cyose gishobora kuduhumanya imibiri cyangwa imitima; twihatire kuba abaziranenge rwose, tubitewe no gutinya Imana.

—2 Abanyakorinti 7:1

Uwiboneza rero, akimaraho ibyo bibi, azaba igikoresho kigene-we imirimo y'icyubahiro, cyeguriwe nyira cyo, kikamugirira aka-

maro, kandi gikwiranye igikorwa cyiza cyose. —2 Timoteyo 2:21

Imana Data yabatoranyije, ikurikije umugambi yagize kuva kera; Mwuka abagira intore zayo, kugira ngo mwumvire Yezu Kristo, mwezwe n'amaraso yabameneye. —1 Petero 1:2a

Ahubwo mube abaziranenge mu myifatire yanyu yose, nk'uko Imana yabahamagaye ari umuziranenge. —1 Petero 1:15

Ujye wihatira kwishyira Imana, uri umukozi ushimwa, utagomba guterwa isoni n'umurimo ayikorerera, ahubwo uvuga Ijambo ryayo ry'ukuri uko riri. —2 Timoteyo 2:15

**Kandi hazabayo inzira nyabage-  
ndwa, iyo nzira izitwa inzira yo  
kwera. Abanduye imitima ntiba-  
zayicamo, ahubwo izaba iya ba  
bandi. Abagenzi naho baba ari  
abaswa ntibazayiyoba.—Ezayi 35:8**

**Nuko rero, ubwo byose bizayo-  
yoka bityo, murumva ukuntu mu-  
kwiye kumera! Mbega ukuntu  
mugomba kuba abaziranenge,  
mukubaha Imana! —2 Petero 3:11**

**Nyamara nitwemera ku muga-  
ragaro ibyaha byacu, Imana yo ni  
indahemuka n'intabera, ku buryo  
itubabarira ibyaha byacu, kandi  
ikatweza, ikatumaraho ikibi cyo-  
se. —1 Yohani 1:9**

**Mwambare kamere nshya Ima-  
na yaremye iyishushanyijeho; iyo  
kamere irangwa n'ubutungane  
n'ubuziranenge bikomoka ku kuri.**

**—Abanyefezi 4:24**

**Isi itararemwa, Imana yaduto-  
ranyirije muri Kristo, ngo tube i-  
ntore zayo, tudafite umugayo i-  
mbere yayo. —Abanyefezi 1:4**

**Jyewe ndabatirisha amazi kugi-  
ra ngo mwihane, ariko nyuma  
yanjye, hagiye kuza undusha ubu-  
basha; ntibinkwiriye no kumuku-  
ramo inkweto. We azababatirisha  
Mwuka Muziranenge n'umuriro.**

**—Matayo 3:11**

Kandi nzabashyiramo Umwuka wanjye, ntume mugendera mu mateka yanjye, mugakomeza n'amategeko yanjye, mukayasohoza.  
—Ezekiyeli 36:27

Mwuka Muziranenge nabazaho, muzahabwa ububasha. Bityo muzaba abagabo bo guhamya ibyanjye . . . —Ibyakozwe n'Intumwa 1:8a

Bamaze gusenga, ahantu bari bakoraniye haratigita. Bose buzura Mwuka Muziranenge, maze batangaza Ijambo ry'Imana bashize amanga.

—Ibyakozwe n'Intumwa 4:31

Mwebwe rero, nta bwo mugengwa na kamere yanyu, ahubwo mugengwa na Mwuka, kubera ko

Mwuka w'Imana abatuyemo. Udafite Mwuka wa Kristo nta bwo aba ari uwe. —Abanyaroma 8:9

Abigishwa ba Kristo bo mu Antiyokiya basigaye buzuye ibyishimo na Mwuka Muziranenge.

—Ibyakozwe n'Intumwa 13:52

None se, ko muzi guha abana banyu ibyiza, kandi muri babi, So uri mu ijuru ntazarushaho guha Mwuka Muziranenge abamumusabye?  
—Luka 11:13

Barunaba yari umuntu mwiza, wuzuye Mwuka Muziranenge no kwizera Kristo. Bityo abantu benshi biyongera ku bemeraga Nyagasani.

—Ibyakozwe n'Intumwa 11:24

**AMASEZERANO Y'IGITANGAZA IMANA  
YAHAYE ABAKRISTO**

**43**

Ncuti nkunda, ntimugatanga-zwe n'uruganda rukaze mugomba gucamo, ngo mumere nk'abagezweho n'ikintu kidasanzwe. Ahubwo mwishimire gufatanya na Kristo imibabaro, kugira ngo, igihe ikuzo rye rizahishurwa, muza-himbarwe muvuze n'impundu.

—1 Petero 4:12, 13

Uwiteka aba hafi y'abafite imitima imenetse, kandi akiza abafite imitima ishenjaguwe.

—Zaburi 34:18

Wiringira Uwiteka, ukore ibyiza; guma mu gihugu, ukurikize umurava.

—Zaburi 37:3

Izahanagura amarira yose ku maso yabo, kandi urupfu ntiruzongera kubaho ukundi. Nta wuzongera gupfusha, cyangwa kuboroga, cyangwa kuribwa, kuko ibya mbere bizaba bivuyeho.

—Ibyahishuwe 21:4

Kuko ibyo byose ukuboko kwanjye ari ko kwabiremye, bikabaho byose, ni ko Uwiteka avuga; ariko uwo nitaho ni umukene ufite umutima umenetse, agahindishwa umushitsi n'ijambo ryanjye.

—Ezayi 66:2

Kandi dore, ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi.

—Matayo 28:20b

## IBYO IMANA YASEZERANYIJE ABARI MU BIGERAGEZO

Tuzi kandi ko byose bifatanyiriza hamwe kuzanira ibyiza abakunda Imana, abo yahamagaye, nk'uko yabiyemeje.

—Abanyaroma 8:28

Amakuba n'ibyago by'umukiranutsi ni byinshi, ariko Uwiteka amukiza muri byose. —Zaburi 34:19

Nuko rero, abasha kugoboka abageragezwa, kubera ko na we yageragejwe akababazwa.

—Abaheburayi 2:18

Ntimwigeze muhura n'ikigeragezo na kimwe kidasanzwe mu bantu. Imana ni indahemuka; nta

bwo izatuma mugeragezwa n'ibiruta ibyo mwabasha gutsinda. Ahubwo nimugeragezwa, izabashoboza kubyihanganira, ibacire n'akanzu ngo mubone uko mubiyivanamo. —1 Abanyakorinti 10:13

Nunyura mu mazi nzaba ndi kumwe nawe; nuca no mu migezi, ntizagutembana; nunyura mu muriro ntuzashya, kandi ibirimi byawo ntibizagufata. —Ezayi 43:2

Imana, ya sōko y'amahoro, ntizatinda kujanjagurira Satani mu-nsi y'ibirenge byanyu.

—Abanyaroma 16:20

Utsinda wese azambikwa imyambaro yera, kandi sinzigera mpagura izina rye mu gitabo cy'ubugingo. Nzemera ko ari uwanjye imbere ya Data n'imbere y'abamarayika be. —Ibyahishuwe 3:5

Utsinda wese, nzamugira inkongi mu Ngoro y'Imana yanjye: ntazigera asohokamo ukundi. Nzandika kuri we izina ry'Imana yanjye n'iry'umurwa wayo, ari wo Yeruzalemu nshya igiye kumanuka iturutse mu ijuru ku Mana yanjye. Kandi nzandika kuri we izina ryanjye rishya.

—Ibyahishuwe 3:12

Uzatsinda wese, agakomeza gukora ibyo nshaka kugeza ku iherezho, nzamuha ubushobozi bwo gu-tegeka amahanga.

—Ibyahishuwe 2:26

Ufite amatwi yumva, ngaho niyumve icyo Mwuka w'Imana abwira amatorero yayo! Utsinda wese nzamuha kurya ku mbuto z'igiti cy'ububingo, kiri mu buturo bw'Imana.

—Ibyahishuwe 2:7

Utsinda nzamuha kwicarana nanjye ku ntebe yanjye ya cyami, nk'uko nanjye natsinze, nkicarana na Data ku ntebe ye ya cyami.

—Ibyahishuwe 3:21

## IBYO IMANA IVUGA KU GUTANDUKANA KW'ABASHAKANYE

Ariko jyeweho ndababwira yuko umuntu wese usenda umugore we, atamuhora gusambana, aba amuteye gusambana; kandi ūacyura uwasenzwe, azaba asambanye. —Matayo 5:32

Umuntu wese wirukana umugore we, akazana undi, aba asambanye, kandi ucyura umugore wirukanywe, na we aba asambanye. —Luka 16:18

Itegeko rigenga abashakanye rishinga umugore kubana n'umugabo we igihe cyose akiriho; ariko iyo umugabo amaze gupfa, umugore ntaba akigengwa n'iryo tege-

ko. Ni cyo gituma umugore wishyiringira undi mugabo, uwe akiriho, yitwa umusambanyi. Ariko niba umugabo we amaze gupfa, uwo mugore ntaba akigengwa n'iryo tegeko. —Abanyaroma 7:2, 3a

Dore itegeko ku bashyiringiranywe, ariko si jye uribategeka ahubwo ni Nyagasani; umugore ntagatandukane n'umugabo we. icyakora aramutse atandukanye na we, ntagashake undi mugabo; cyangwa se yiyunge n'umugabo we. Umugabo na we ntakirukane umugore we. —1 Abanyakorinti 7:10, 11



Namwe rero muhore mwiguye, kuko Umwana w'umuntu azaza igihe mudakeka. —Luka 12:40

Umuntu wese ugira isoni zo kunyemera kimwe no kwemera inyigisho zanjye imbere y'abantu b'iki gihe b'abasambanyi n'abagizi ba nabi, Umwana w'umuntu na we azagira isoni zo kumwemera igihe azaba aje afite ikuzo rya Se, ashagawe n'abamarayika b'intore ze. —Mariko 8:38

Ubwo ni bwo mu ijuru hazagaragara ikimenyetso cy'Umwana w'umuntu; amoko yose yo ku isi azacura imiborogo, maze abone Umwana w'umuntu ava mu ijuru,

aje ku bicu, afite ububasha n'ikuzo byinshi. —Matayo 24:30

Ni koko Umwana w'umuntu agiye kuzaza, afite ikuzo rya Se, ashagawe n'abamarayika be, maze azagororera umuntu wese ibihwanye n'imigirire ye. —Matayo 16:27

Nuko rero ningenda, nkamara kuwubategurira, nzagaruka, mbajyaneyo, kugira ngo aho ndi namwe muzabeyo. —Yohani 14:3

Ncuti nkunda, tumaze kuba abana b'Imana, ariko uko tuzamurira ntibiragaragara. icyakora tuzi yuko igihe Kristo azagaragara, tuzasa na we, kuko tuzamureba uko ari. —1 Yohani 3:2

## 48 IJAMBO RY'IMANA

Ijuru n'isi bizashira, ariko ibyo nababwiye nta bwo bizashira.

—Luka 21:33

Nta buhanuzi bwigeze kuvugwa ku bushake bw'umuntu, habe na rimwe. Ahubwo abahanuzi bavugaga ibyo batumwe n'Imana, bayobowe na Mwuka Muziranenge.

—2 Petero 1:21

Nuko Yezu arabasubiza ati “Mwarayobye, ntimwamenya Ibyanditswe, ntimwamenya n'ububasha bw'Imana. —Matayo 22:29

Ntimukongere ku mategeko mbategeka, ntimukayagabanye, mubone kwitondera amategeko y'Uwiteka Imana yanyu mbategeka. —Ivugururamategeko 4:2

## USENGE KANDI UBABARIRE ABANDI

“Data uri mu ijuru, izina ryawe niryubahwe; ubwami bwawe nibuze. Ibyo ushaka bibe ari byo bikorwa ku isi, nk'uko bikorwa mu ijuru. Uduhe none ifunguro rikwiriye. Utubabarire ibyo twagucumuyeho, nk'uko natwe tubabarira abaducumuyeho; ntuturike ngo tugwe mu byadushuka, ahubwo uturinde Sekibi; kuko ubwami n'ubushobozi n'ikuzo ari ibyawe iteka ryose. Amina.” Nimubabarira abandi ibyo babacumuyeho, So uri mu ijuru na we azababarira ibyo mumucumuraho. Ariko nimutababarira abandi, So uri mu ijuru na we ntazababarira ibyo mumucumuraho.

—Matayo 6:9-15

# INZIRA Y'AGAKIZA Y'IMANA

*Ndakeneye Umukiza.*

Koko bose bakoze ibyaha, nti-bashyika ku kigero cy'ikuzo ry'I-mana. —Abanyaroma 3:23

*Kristo yampfiriye.*

Kristo na we yapfuye rimwe rizima kubera ibyaha byanyu, we ntungane apfira abagome, kugira ngo abageze ku Mana.

—1 Petero 3:18a

*Ndakwiriye kwihana ibyaha byanjye.*

Uhisha ibicumuro bye utazagubwa neza; ariko ūbyatura akabireka, azababarirwa. —Imigani 28:13

Nuko rero nimwisubireho, mugarukire Imana, kugira ngo ibya-

ha byanyu bihanagurwe.

—Ibyakozwe n'Intumwa 3:19a

*Ndakwiriye kwakira Yezu mbikesha kwizera.*

Nyamara abamwakiriye bose, bakemera uwo ari we, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana. —Yohani 1:12

*Nshobora kumenya ko nkijijwe.*

Ufite Umwana w'Imana afite ubwo bugingo. —1 Yohani 5:12a

Ndababwira nkomeje: ūntega amatwi, akizera Uwantumye, aba afite ubugingo buhoraho. Ntazacirwa iteka, ahubwo aba avuye mu rupfu, ageze mu bugingo.

—Yohani 5:24

Published in numerous languages as God supplies funds in answer to prayer. If you would like more copies for prayerful distribution, write in English. Specify which language(s) you need and how many booklets.

**World Missionary Press, PO Box 120, New Paris, IN 46553-0120 USA**

Text reprinted from the Bible in Kinyarwanda by permission of the United Bible Societies Africa Regional Centre, Nairobi, Kenya.

[www.wmpress.org](http://www.wmpress.org)

10-22



Read booklets online or by App  
[www.wmp-readonline.org](http://www.wmp-readonline.org)

69 Kinyarwanda HFA